Mujye murangwa no kuvugisha ukuri, kubera ko kuganisha mu byiza, n'ibyiza bikaganisha mu ijuru

Hadith yaturutse kwa Abdullah Ibun Mas'ud (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Mujye murangwa no kuvugisha ukuri, kubera ko kuganisha mu byiza, n'ibyiza bikaganisha mu ijuru kandi umuntu akomeza kuba umunyakuri no kurangwa nakwo kugeza ubwo kwa Allah yanditswe ko ari umunyakuri; mujye munirinda ibinyoma kuko biganisha mu bibi, n'ibibi bikaganisha mu muriro; kandi umuntu akomeza kuba umunyabinyoma no kurangwa nabyo kugeza ubwo kwa Allah yanditswe ko ari umunyabinyoma ruharwa!"

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yategetse kurangwa n'ukuri, inavuga ko umuntu urangwa nakwo bimuganisha mu gukora ibyiza bihoraho, n'uhozaho ibyiza bimuganisha mu ijuru. Kandi umuntu uhojejeho kurangwa n'ukuri mu ibanga no ku mugaragaro, aba akwiye kwitwa umunyakuri ukomeye. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije yihanangiriza ababeshyi n'abavuga ibinyoma, kuko bigeza nyirabyo kugutana inzira igororotse no gukora ibibi n'ubwangizi hanyuma bikazamugeza no mu muriro. N'iyo akomeje kubeshya kenshi agera aho akazandikwa kwa Allah ko ari umwe mu babeshyi ruharwa.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/5504